

**ISHAKIRO**

**URUTONDE RW'AMASHUSHO** ........ ii
**URUTONDE RW'AMAFOTO** ........ ii
**URUTONDE RW'IMIGEREKA** ........ ii
**IBISOBANURO BY'IMPINE Z'AMAGAMBO** ........ iii
**IJAMBO RY'IBANZE** ........ iv
**INCAMAKE** ........ v
**INTANGIRIRO** ........ 1
**I. INZEGO ZA SENA N'URUHARE RWAZO MU BYAKOZWE** ........ 2
I.1. Inteko Rusange ........ 5
I.1.1. Inama z'Inteko Rusange zabaye ........ 6
I.1.2. Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange ........ 6
I.2. Inama y'Abaperezida ........ 7
I.2.1. Inama z'Inama y'Abaperezida zabaye ........ 8
I.2.2. Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida ........ 8
I.3. Biro ya Sena ........ 9
I.3.1. Inama za Biro ........ 10
I.3.2. Kwakira no kugenzura inyandiko z'umutungo z'abakozi b'Urwego ........ 11
I.4. Komisiyo zihoraho za Sena ........ 12
I.5. Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahangarwa by'Abasenateri ........ 13
I.6. Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena ........ 13
**II. IBYAKOZWE NA SENA HAKURIKIJWE INSHINGANO N'UBUBASHA BYAYO** ........ 15
II.1. Kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo ........ 15
II.2. Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta ........ 16
II.3. Kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi ........ 16
II.4. Gusuzuma no gutora amategeko ........ 17
II.5. Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma ........ 18
II.5.1. Kugezwaho na Minisitiri w'Intebe gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ........ 18
II.5.2. Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma ........ 19
II.5.3. Kubazwa mu magambo ........ 20
II.6. Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko ........ 20
II.7. Guhagararira abaturage ........ 21
**III. IMIKORANIRE YA SENA N'IZINDI NZEGO NO GUTSURA UMUBANO N'UBUTWERERANE N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO** ........ 22
III.1. Imikoranire ya Sena n'Umutwe w'Abadepite ........ 22
III.2. Imikoranire n'izindi nzego zo mu Gihugu ........ 22
III.3. Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko ........ 22
III.3.1. Inama Mpuzamahanga z'Abagize Inteko Zishinga Amategeko ........ 23
III.4. Ubutumwa mu mahanga ........ 23
III.5. Abashyitsi basuye Sena ........ 23
**IV. IBYAGEZWEHO N'AMAHURIRO ASHAMIKIYE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO** ........ 25
IV.1. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira imibereho myiza y'abaturage n'iterambere (RPRPD) ........ 25
IV.2. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF) ........ 26
IV.3. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa (APNAC-Rwanda) ........ 26
IV.4. Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP) ........ 27
**V. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA SENA** ........ 29
**VI. UMUSOZO** ........ 30
**IMIGEREKA** ........ 31

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho ya 1: Inama z'Inteko Rusange zabaye ....................6
Ishusho ya 2: Imyanzuro y'Inteko Rusange ....................7
Ishusho ya 3: Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida ....................8
Ishusho ya 4: Inama za Biro zateranye....................10
Ishusho ya 5: Imyanzuro yafashwe na Biro ....................11
Ishusho ya 6: Abayobozi bemejwe na Sena ....................17
Ishusho ya 7: Amategeko yatowe na Sena (Nyakanga 2020-Kamena 2021)....................18
Ishusho ya 8: Abashyitsi basuye Sena ....................24
Ishusho ya 9: Ikigero cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena....................29

## URUTONDE RW'AMAFOTO

Ifoto 1: Abagize Sena y'u Rwanda muri manda ya gatatu ....................3
Ifoto ya 2: Abasenateri mu nama y'Inteko Rusange ya Sena....................5
Ifoto ya 3: Biro ya Sena yakira inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru....................12
Ifoto ya 4: Minisitiri w'Intebe ageza gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku bagize Inteko Ishinga Amategeko....................19
Ifoto ya 5: Minisitiri w'Ibikorwa Remezo ageza ibisobanuro mu magambo ku Nteko Rusange ....................20
Ifoto ya 6: Biro ya Sena yakira Ambasaderi wa Sweden mu Rwanda ....................24

## URUTONDE RW'IMIGEREKA

Umugereka wa 1: Abasenateri bagize manda ya 3 ya Sena ....................31
Umugereka wa 2: Abagize Inama y'Abaperezida ....................31
Umugereka wa 3: Abagize Komisiyo za Sena ....................32
Umugereka wa 4: Abasenateri bagize Komite ....................33
Umugereka wa 5: Abayobozi bemejwe na Sena mu mwaka wa 2020/2021 ....................33
Umugereka wa 6: Ibikorwa byakozwe muri gahunda yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ....................35
Umugereka wa 7: Raporo z'Inzego zashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko....................37
Umugereka wa 8: Abashyitsi basuye Sena mu mwaka wa 2020/2021....................37
Umugereka wa 9: Ingengo y'imari y'umwaka wa 2020/2021 yakoreshejwe ....................38

## IBISOBANURO BY’IMPINE Z’AMAGAMBO

| | | |
|---|---|---|
| AGPF | : | Anti Genocide Parliamentary Forum |
| APNAC | : | African Parliamentarians’Network Against Corruption |
| BDF | : | Business Development Fund |
| COVID-19 | : | Coronavirus Disease for 19 |
| CPA | : | Certified Public Accountant |
| CPA | : | Commonwealth Parliamentarian Assembly |
| Dr | : | Doctor |
| FARG | : | Fonds d'assistance aux rescapés du génocide |
| FFRP | : | Forum des Femmes Rwandaises Parlementaires |
| FIC | : | Financial Intelligence Center |
| FONERWA | : | National Fund for Environment |
| H.E | : | His Excellency |
| ICPD | : | International Conference on Population and Development |
| ICT | : | Information Communication Technology |
| IPU | : | Inter Parliamentary Union |
| LAF | : | Legal Aid Forum |
| NAEB | : | National Agricultural Export Development Board |
| NIRDA | : | National Industrial Reasearch and Development Agency |
| NIRDA | : | National Industrial Research and Development Agency |
| OAG | : | Office of the Auditor General |
| PAP | : | Panafrican Parliament |
| RFA | : | Rwanda Forestry Authority |
| RMI | : | Rwanda Management Institute |
| RPRPD | : | Rwandan Parliamentarians on Population and Development |
| RPRPD | : | Réseau des Parlementaires Rwandais pour la Population et le |
| RTB | : | Rwanda TEVET Board |
| RTDA | : | Rwanda Transport Development Agency |
| RURA | : | Rwanda Utilities Regulatory Authority |
| TI | : | Transparancy International |
| UNFPA | : | United Nations Population Fund |
| UNICEF | : | United Nations International Children's Emergency Fund |
| WASAC | : | Water and Sanitation Corporation |

## IJAMBO RY'IBANZE



Kuva ku wa 17 Ukwakira 2019, Sena yatangiye Manda yayo ya gatatu, uyu ni mwaka w'ingengo y'imari wa kabiri urangiye Abasenateri bashyira mu bikorwa inshingano za Sena.

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari ya 2020/2021, nibwo Sena yashoje Igenamigambi ry'Igihe kirekire (2016-2021), ukaba warabaye umwanya wo kwisuzuma harebwa uko ibyo Sena yari yariyemeje byagezweho ndetse ibyagaragajwe bishingirwaho mu gutegura igenamigambi rya Sena mu myaka itanu (5) iri imbere uhereye muri Nyakanga 2021. Itegurwa ry'iri genamigambi ryagizwemo uruhare n'inzego za Sena ndetse n'abafatanyabikorwa bayo, ibi bikaba bishimangira ko intego Sena yihaye zizagerwaho kandi ku gihe.

Nubwo habayeho imbogamizi zatewe n'Icyorezo cya COVID-19, ntibyabujije Sena gukomeza imirimo yayo yateganyijwe mu Iteganyabikorwa ryayo ry'umwaka wa 2020-2021. Hagiye hashakwa uburyo inzego za Sena zikora ibikorwa byazo hubahirizwa amabwiriza yatangwaga n'inzego z'ubuzima. Ibi bikaba byarashobotse kubera ingamba zafashwe no kuzuzanya n'izindi nzego. Ibi kandi nta washidikanya ko byagize uruhare runini mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere imiyoborere myiza.

Ibyakozwe byose mu gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa bya Sena y'umwaka wa 2020-2021 byashingiye ku bwitange bw'Abasenateri n'abakozi ba Sena ndetse no ku bwuzuzanye n'imikoranire myiza n'izindi nzego zose byaranze Sena.

Sena irashima cyane uruhare rwa buri wese mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo.

**Dr. IYAMUREMYE Augustin**

**Perezida wa Sena**

# INCAMAKE

## INZEGO ZA SENA

**Inteko Rusange**
- Inama za Sena : 50
- Imitwe yombi: 13

**Inama y'Abaperezida**
- Inama zisanzwe: 9
- Imyanzuro: 26

**Inama za Biro**
- Inama zateranye : 39
- Imyanzuro: 309

**Komisiyo zihoraho**
- Buri Komisiyo yakoze ibikorwa hashingiwe ku iteganyabikorwa ryayo.
- Komite nayo yakoze ibikorwa ishingiye ku iteganyabikorwa ryayo.

**Imyanzura yafashwe n'Inteko Rusange**: 38
- Iyahawe Guverinoma: 32
- Izakurikiranwa na Sena: 6

**Ibihembwe**
- Ibihembwe bisanzwe: 3
- Ibihembwe bidasanzwe: 3

## INSHINGANO ZA SENA

**Kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo**
- Ibikorwa bijyanye no kumenyekanisha mahame Remezo: 5

**Kwemeza abayobozi**
- Abayobozi b'Ibigo bya Leta: 20
- Ambasaderi: 7
- Guverineri: 4
- Abacamanza : 3
- Abakomiseri: 3
- Umuvinyi Mukuru: 1
- Umuvunyi Mukuru Wungirije: 1

**Gusuzuma no gutora amategeko**
- Amategeko yatowe na Sena: 6
- Amategeko yemera kwemeza burundu amasezerano: 4
- Amategeko Ngenga: 2

**Kugenzura ibikorwa bya Guverinoma**
- Kugezwaho gahunda za Guverinoma: 3
- Ibikorwa bya Komisiyo zihoraho: 23
- Kubazwa mu magambo: 2
- Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'amategeko: 8

**Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta**
- Umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta ivuguruye 2020-2021: 1
- Imbanzirizamushinga y'ingengo y'Imari ya Leta 2021/2022-2023/2024: 1
- Umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta 2021-2022: 1

**Abashyitsi basuye Sena**
- Intumwa zaturutse mu Nteko zishinga Amategeko: 7
- Ambasaderi: 4

# INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 109-7°, buri mwaka hategurwa raporo y'imirimo ya Sena. Imirimo ya Sena ikorwa iba ikubiye mu iteganyabikorwa ryayo rigendera ku ngengabihe y'umwaka w'ingengo y'imari ya Leta utangira tariki ya 01 Nyakanga ukagangira ku itariki ya 30 Kamena.

Ni muri uru rwego, iyi raporo yateguwe hashingiwe ku bikorwa byari byateganyijwe mu iteganyabikorwa rya Sena ry'umwaka wa 2020/2021 rigizwe n'ibikorwa bya Komisiyo zihoraho za Sena na Komite n'ibikorwa bireba izindi nzego za Sena.

Imirimo yakozwe mu mwaka wa 2020/2021 yakozwe hashingiwe ku nshingano n'ububasha bya Sena:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo;
- Kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki;
- Guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu;
- Gutora amategeko;
- Kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma;
- Kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi;
- Gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu bijyanye n'inshingano zayo.

Uretse ibijyanye n'izo nshingano, iyi raporo iragaragaza n'ibindi byakozwe, birimo kwakira abashyitsi bagendereye Sena, ibikorwa by'amahuriro y'abagize Inteko Ishinga Amategeko n'ibikorwa by'inzego z'imirimo za Sena.

Ibyakozwe mu mwaka wa 2020/2021 bigaragazwa muri iyi raporo bikubiye mu bice bikurikira:

- Inzego za Sena n'uruhare rwazo mu byagezweho;
- Ibyakozweho birebana n'inshingano n'ububasha bya Sena;
- Imikoranire ya Sena n'izindi nzego no gutsura umubano n'ubutwererane n'izindi Nteko zishinga Amategeko;
- Ibyagezweho n'amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena;
- Umusozo.

Nyuma y'umusozo w'iyi raporo kandi hagaragara imigereka ikubiyemo amakuru arambuye kuri zimwe mu ngingo zavuzwe mu bice bitandukanye by'iyi raporo.

Inyandiko zikubiyemo ibyakozwe mu buryo burambuye ziboneka mu bubiko bw'inyandiko z'Inteko Ishinga Amategeko.

## I. INZEGO ZA SENA N'URUHARE RWAZO MU BYAKOZWE

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 17, inzego za Sena ni izi zikurikira:

- Inteko Rusange;
- Inama y'Abaperezida;
- Biro ya Sena;
- Komisiyo zihoraho;
- Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri;
- Ubunyamabanga Bukuru.

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Sena igizwe n'Abasenateri makumyabiri na batandatu (26) batorwa n'abandi bashyirwaho[1]. Aba basenateri nibo bashyira inshingano za Sena mu bikorwa binyuze mu nzego zayo zavuzwe haruguru bunganiwe n'Ubunyamabanga Bukuru.

Mu 2020-2021, Abasenateri 6 batangiye manda yabo tariki ya 22 Ukwakira 2020 baje basanga abandi 20 barahiye ku itariki ya 17 Ukwakira 2019.

Umugereka wa mbere w'iyi raporo werekana urutonde rw'Abasenateri bose bagize manda ya gatatu ya Sena uko ari 26.

[1] Ingingo ya 80 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015

## Ifoto 1: Abagize Sena y'u Rwanda muri manda ya gatatu

| | | | |
|---|---|---|---|
|  |  |  |  |
| Senateri BIDERI John Bonds | Senateri DUSHIMIMANA Lambert | Senateri Prof. DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre | Senateri Dr. HABINEZA Faustin |
|  |  |  |  |
| Senateri HABIYAKARE François | Senateri Dr. HAVUGIMANA Emmanuel | Senateri Dr. IYAMUREMYE Augustin | Senateri Prof. KANYARUKIGA Ephrem |
|  |  |  |  |
| Senateri KANZIZA Epiphanie | Senateri MUGISHA Alexis | Senateri Dr. MUKABARAMBA Alvera | Senateri MUKAKARANGWA Clotilde |
|  |  |  |  |
| Senateri MUPENZI George | Senateri MURANGWA NDANGIZA Hadija | Senateri MURESHYANKWANO Marie Rose | Senateri Prof. NIYOMUGABO Cyprien |


Senateri NKURUNZIZA Innocent


Senateri NKUSI Juvénal


Senateri NSENGIYUMVA Fulgence


Senateri NTIDENDEREZA William


Senateri Dr. NYINAWAMWIZA Laetitia


Senateri NYIRASAFARI Espérance


Senateri TWAHIRWA André


Senateri UMUHIRE Adrie


Senateri UWERA Pélagie


Senateri UWIZEYIMANA Evode

## I.1. Inteko Rusange

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 15, Inteko Rusange igizwe n'Abasenateri bose kandi ni rwo rwego rukuru rwa Sena mu gufata ibyemezo.

**Ifoto ya 2: Abasenateri mu nama y'Inteko Rusange ya Sena**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko bwa Sena*


Ku birebana n'ibikorwa by'Inteko Rusange ya Sena mu mwaka wa 2020/2021, ibyagezweho mu ncamake ni ibi bikurikira:

- Hemejwe ishingiro ry'imishinga y'amategeko ari mu bubasha bwa Sena kandi iranatorwa;
- Hafashwe imyanzuro kuri raporo z'ibikorwa binyuranye bya Komisiyo zihoraho za Sena n'iza Komite;
- Hemejwe ishyirwaho ry'abayobozi bashyikirijwe Sena;
- Hafashwe imyanzuro kuri raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- Hitabiriwe inama, ibiganiro nyunguranabitekerezo n'amahugurwa bigenewe Abasenateri;
- Hemeje imbonerahamwe y'inzego z'imirimo za Sena;
- Hemejwe inyandiko y'amabwiriza ngengamikorere ya Sena;
- Hemejwe inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'Inteko Rusange ya Sena;
- Hemejwe imyanzuro y'Inama y'Abaperezida.

### I.1.1. Inama z'Inteko Rusange zabaye

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 72, inama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ziterana mu gihe cy'ibihembwe bisanzwe n'ibihembwe bidasanzwe, naho ingingo yaryo ya 71 iteganya ko Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora guteranira hamwe. Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 38, riteganya ibijyanye n'ibihembwe bisanzwe.

**Ishusho ya 1: Inama z'Inteko Rusange zabaye**




*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (2020-2021)*


Mu mwaka wa 2020-2021, Inteko Rusange yateranye mu bihembwe bisanzwe bitatu (3) n'ibihembwe bidasanzwe bitatu (3). Inteko Rusange ya Sena yateranye mu nama inshuro mirongo itandatu n'ebyiri (62), harimo inama cumi n'eshatu (13) z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

Inteko Rusange yasuzumye ingingo zose yashyikirijwe kandi izifataho imyazuro igezwa ku nzego zibishinzwe kugira ngo ziyishyire mu bikorwa.

### I.1.2. Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange

Mu mwaka wa 2020/2021, imyanzuro yose hamwe yafashwe n'Inteko Rusange ya Sena muri rusange ni 38, harimo imyanzuro mirongo itatu n'ibiri (32) yashyikirijwe Guverinoma n'izindi nzego ndetse n'imyanzuro itandatu (6) Inteko Rusange yafashe ikiyemeza kuyikurikirana ubwayo binyuze mu nzego za Sena.

**Ishusho ya 2: Imyanzuro y'Inteko Rusange**




*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (July 2020-June 2021)*

Inteko Rusange yemeje inyandikomvugo mirongo itanu n'ebyiri (52) n'inyandiko zivunaguye mirongo itanu na zirindwi (57) z'inama z'Inteko Rusange.

Inteko Rusange ya Sena kandi yagejejweho imyanzuro y'inama zisanzwe n'inama zidasanzwe z'Inama y'Abaperezida irayemeza.

## I.2. Inama y'Abaperezida

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 17, Inama y'Abaperezida igizwe na:

- Biro ya Sena;
- Biro za Komisiyo zihoraho;
- Biro ya Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

Amazina y'Abasenateri bagize Inama y'Abaperezida ari ku mugereka wa 2 w'iyi raporo.

Mu mwaka wa 2020-2021, Inama y'Abaperezida yateranye nk'uko bisanzwe, isuzuma ingingo zinyuranye zijyanye n'inshingano zayo[2] .

Ibyakozwe n'Inama y'Abaperezida mu ncamake ni ibi bikurikira:

- Hateguwe gahunda z'ibihembwe bisanzwe bya Sena byabaye mu mwaka wa 2020/2021;
- Hakurikiranywe imitegurire y'iteganyabikorwa rya Komisiyo zihoraho za Sena na Komite ry'umwaka wa 2020/2021 (Consolidated Action Plan 2020/2021);

[2] Ingingo ya 72 y'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018

- Hateguwe amahugurwa y'Abasenateri mu bijyanye n'ikoranabuhanga (ICT);
- Hakurikiranywe ishyirwa mu bikorwa ry'iteganyabikorwa rya Komisiyo zihoraho za Sena na Komite;
- Hakurikiranywe isesengurwa rya raporo z'Inzego zihariye na Komisiyo z'Igihugu z'ibikorwa byazo by'umwaka wa 2019/2020 zigezwa ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Hakurikirinanywe ibigendanye n'inshingano y'Abasenateri yo kwegera abaturage hubahirizwa ingamba zafashwe zo gukumira ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19;
- Hakurikiranywe itegurwa ry'igenamigambi rya Sena ry'igihe kirekire (2021-2026).

By'umwihariko ku itariki ya 10 n'iya 16 Nyakanga 2020, Abasenateri bitabiriye inama y'Inama y'Abaperezida yaguye yabereye mu cyumba cy'Inteko Rusange ya Sena no muri Lemigo Hotel. Bagejejweho ikiganiro ku mikorere n'Imikoranire y'Inzego za Sena n'izindi nzego maze bungurana ibitekerezo ku nshingano za Sena muri rusange. Nyuma y'iyo nama hafashwe ibyemezo ngiro byafashije kurusha kunoza imikorere y'inzego za Sena.

### I.2.1. Inama z'Inama y'Abaperezida zabaye

Mu 2020-2021, Inama y'Abaperezida yateranye nshuro icyenda (9) isuzuma ingingo zitandukanye zirebana n'inshingano za Sena.

**Imbonerahamwe ya 1: Inama z'Inama y'Abaperezida zateranye**


| Ukwezi | Inama z'Inama y'Abaperezida zateranye | | Igiteranyo cy'inama zateranye | Imyanzuro yose yafashwe n'Inama y'Abaperezida |
|---|---|---|---|---|
| | Inama zisanzwe | Inama zidasanzwe | | |
| Nyakanga 2020 | 1 | 0 | 0 | 5 |
| Kanama 2020 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| Nzeri 2020 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| Ukwakira 2020 | 1 | 0 | 1 | 4 |
| Ugushyingo 2020 | 1 | 0 | 1 | 4 |
| Ukuboza 2020 | 1 | 0 | 1 | 10 |
| Mutarama 2021 | 1 | 0 | 1 | 1 |
| Gashyantare 2021 | 1 | 0 | 1 | 1 |
| Werurwe 2021 | 1 | 0 | 1 | 1 |
| Mata 2021 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| Gicurasi 2021 | 0 | 0 | 0 | 1 |
| Kamena 2021 | 1 | 0 | 1 | 1 |
| **Igiteranyo** | **9** | **0** | **9** | **31** |

*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (July 2020-June 2021)*

### I.2.2. Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida

Mu nshuro icyenda (9) mu 2020-2021, Inama y'Abaperezida yateranye yafashe imyanzuro mirongo itatu n'umwe (31).

**Ishusho ya 3: Imyanzuro yafashwe n'Inama y'Abaperezida**




*Aho byavuye: Raporo z'Inama y'Abaperezida (Nyakanga 2020-Kamena 2021)*

Imyanzuro y'Inama y'Abaperezida yashyikirijwe Inteko Rusange yaremejwe kandi yose yashyizwe mu bikorwa ifasha inzego za Sena kurushaho kunoza inshingano zazo.

## I.3. Biro ya Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 18, Biro ya Sena igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Sena. Umwe mu ba Visi-Perezida ashinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi. Biro ya Sena igizwe na:

- Hon.Dr. IYAMUREMYE Augustin, Perezida wa Sena;
- Hon. NYIRASAFARI Espérence, Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- Hon. MUKABANRAMBA Alvera, Visi Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.

Biro ya Sena ishingiye ku nshingano zayo ziteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 75, muri rusange yakoze ibi bikurikira:


- Hateguwe gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange;
- Hateguwe inama z'Inama y'Abaperezida;
- Hakurikiranwe imikorere ya Komisiyo zihoraho za Sena n'iy'amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Hayobowe inama z'Inteko Rusange ya Sena kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo;

- Hagejejwe ku Nteko Rusange  Imyanzuro y'inama y'Inama y'Abaperezida kandi hakurikiranwa ishyirwa  mu bikorwa ryayo;
- Hakurikiranwe imicungire y'abakozi, imari n'umutungo bya Sena;
- Hakurikiranywe ivugururwa ry'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo ya Sena;
- Hakiriwe abashyitsi basuye Sena, baba ab'imbere mu Gihugu no hanze y'Igihugu;
- Gushyikirana n'izindi nzego z'ubutegetsi mu gihe cyose byabaye ngombwa;
- Guhagararira Sena mu butumwa mu gihugu cyangwa mu mahanga;
- Hayobowe inama z'Akanama Ngishwanama (Steering Committee) gashinzwe gukurikirana imirimo yo kubaka Inzu Ndangamateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside (Campaign Against Genocide- Museum) mu Nteko Ishinga Amategeko.

### I.3.1. Inama za Biro

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 79, inama ya Biro ya Sena iterana rimwe mu cyumweru n'igihe cyose bibaye ngombwa. Ibyemezo by'inama ya Biro ya Sena bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize.


**Ishusho ya  4: Inama za Biro zateranye**




*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena (Nyakanga 2020-Kamena 2021)*

Mu mwaka wa 2020/2021, Biro ya Sena yateranye mu nama zayo inshuro mirongo itatu n'icyenda (39) isuzuma kandi ifata imyanzuro ku ngingo zitandukanye zabaga ziri ku murongo w'ibyigwa.

**Ishusho ya 5: Imyanzuro yafashwe na Biro**




*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena ( Nyakanga 2020-Kamena 2021)*

Mu mwaka wa 2020-2021, Biro ya Sena yafashe imyanzuro magana atatu n'icyenda (309). Imyanzuro yafashwe na Biro ya Sena yose yagiye ishyirwa mu bikorwa bifasha inzego zose za Sena mu kuzuza inshingano zayo.

## I.3.2. Kwakira no kugenzura inyandiko z'umutungo z'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi

Nk'uko biteganywa n'ingingo n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 80, Urwego rw'Umuvunyi rugeza kuri Biro ya Sena inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo.

Mu mwaka wa 2020/2021, Biro ya Sena yagenzuye ko amakuru yashyikirijwe akubiye mu nyandiko menyekanishamutungo z'umwaka wa 2019/2020 ku mitungo yose igaragazwa n'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi (ubutaka, amazu, ibinyabiziga, imigabane n'imyenda afitiwe), ahuye n'ukuri.

Biro ya Sena kandi yakiriye inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bakuru Bungirije n'iy'abandi bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2021/2022.

**Ifoto ya 3: Biro ya Sena yakira inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

## I.4. Komisiyo zihoraho za Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, Sena ifite Komisiyo zihoraho enye (4) zikurikira:

- Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere;
- Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu;
- Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari;
- Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano.

Komisiyo zihoraho za Sena zihuriye ku nshingano zikurikira ziteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, ngingo yaryo ya 86:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo;
- Gusuzuma imishinga y'amategeko;
- Kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- Gusuzuma dosiye zerekeye iyemezwa ry'abayobozi;
- Gusuzuma raporo z'ibikorwa by'inzego za Leta zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko;
- Gusuzuma ibibazo by'abaturage byashyikirijwe Sena.

Hashingiwe ku nshingano zihuriyeho n'inshingano zihariye, Komisiyo zihoraho za Sena zakoze ibikorwa byari biteganyijwe mu iteganyabikorwa ryazo mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021. Umugereka wa 3 ugaragaza abagize Komisiyo zihoraho za Sena.

## I.5. Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahangarwa by'Abasenateri

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL of 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 30, Sena yitoramo Komite igizwe n'Abasenateri nibura batanu (5) hitawe ku byiciro bitandukanye bigize Sena iyo bishoboka. Nk'uko biteganywa n'iyo ngingo, Komite igira Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida.

Mu mwaka wa 2020-2021, Komite yakoze ibikorwa bikurikira:

- Komite yagejeje ku Nteko Rusange ya Sena raporo ku mikoranire ya Sena n'izindi nzego, iyifataho umwanzuro;
- Hemejwe raporo ku isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro Inteko Rusange ya Sena yafashe ireba Sena kuri raporo za Komisiyo na Komite n'iry'ibyemezo by'Inama y'Abaperezida kuva mu Ukwakira 2019 kugera mu Ukuboza 2020;
- Kungurana ibitekerezo n'itsinda rishinzwe gutegura iteganyabikorwa ry'igihe kirekire rya Sena;
- Kugirana ibiganiro na Biro za Komisiyo zihoraho za Sena eshatu (3) ari zo: Biro ya Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga Ubutwererane n'Umutekano, Biro ya Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu ndetse na Biro ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, baganira ku mikorere y'izo Komisiyo;
- Komite kandi yasuzumye inemeza iteganyabikorwa ryayo ry'umwaka wa 2021-2022.

Umugereka wa 4 ugaragaraho Abasenateri bagize Komite muri manda ya gatatu ya Sena.

## I.6. Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena

Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena bugizwe n'inzego z'imirimo za Sena ziyifasha kurangiza neza inshingano zayo. Inzego zose z'imirimo za Sena zikuriwe n'Umunyamabanga Mukuru zikagenzurwa na Biro ya Sena[3].

Ku birebana n'ibyakozwe n'inzego z'imirimo za Sena, izo nzego, zagize uruhare mu kunganira Abasenateri kugira ngo barangize neza inshingano zabo. By'umwihariko inzego z'imirimo zakoze ibi bikurikira:

- Gutegura inama z'Inteko Rusange no gukora inyandiko mvugo n'inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange;
- Gutegura inama tekiniki (briefings) ku mishinga y'amategeko yohererejwe Sena mbere y'uko isuzumirwa ishingiro, ku itegurwa ry'ibikorwa bya Komisiyo birebana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma no kuri raporo z'ibikorwa z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ko

[3] Ingingo yaryo ya 33 y'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena

zigeza raporo zazo ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi na Sena by'umwihariko;

- Kunganira Komisiyo zihoraho za Sena na Komite mu mirimo yazo yose;
- Gutanga inama mu by'amategeko (legal opinions) ku mishinga y'amategeko, amasezerano y'amasoko n'izindi nyandiko;
- Gutegura ndetse no kuyoborwa (host) inama za Komisiyo zitandukanye ndetse n'izindi nzego za Sena zikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19;
- Kumenyekanisha buri munsi ibikorwa na gahunda bya Sena;
- Kwita ku micungire myiza y'imari, umutungo n'Abakozi.

## II. IBYAKOZWE NA SENA HAKURIKIJWE INSHINGANO N'UBUBASHA BYAYO

Nk'uko bitegenywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 2, Sena ifite kandi inshingano zihariye zikurikira: kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga, kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki, guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu.

Sena kandi ijya impaka ku mategeko ikanayatora, imenya ikagenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 n'Itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma.

Mu ngingo yaryo ya 3 y'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, hateganyijwe ububasha bwa Sena mu birebana no kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi ndetse no gutanga inama ku bibazo bikomereye Igihugu biri mu nshingano zayo.

### II.1. Kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo

Uburyo Sena ikoresha mu kuzuza inshingano yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo ni ukuyamenyekanisha no gukurikirana iyubahirizwa ryayo.

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 172, Sena imenyekanisha amahame remezo ateganywa n'ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga kugira ngo Abanyarwanda n'abandi bafatanyabikorwa bayasobanukirwe. Ni muri uru rwego mu 2020-2021, Sena yakoze ibikorwa bikurikira:

- Kumenyekanisha ihame remezo rya Demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya Politiki binyuranye, hizihizwa Umunsi Mpuzamahanga wa Demokarasi;
- Kumenyekanisha ihame remezo ryo kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Kumenyekanisha ihame remezo ry'uburinganire, hibandwa ku ngingo irigize ijyanye n'uko abagore n'abagabo bagomba kugira amahirwe angana ku murimo;
- Ikiganiro ku bimaze gukorwa mu rwego rwo kubahiriza ihame remezo ryo kubaka Leta igendera ku mategeko;
- Ikiganiro ku kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibi bikorwa byose byakozwe binyuze mu biganiro byatanzwe hifashishijwe ibitangazamakuru birimo Radio Rwanda.

Nk'uko kandi bitegenywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 173, Sena yakomeje kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo haba mu kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi, kumenya no kugenzura

imikorere n’ibikorwa bya Guverinoma, kungurana ibitekerezo muri Komisiyo n’abahagarariye Guverinoma, isuzumwa rya raporo z’ibikorwa bya Komisiyo z’Igihugu cyangwa iby’Inzego za Leta zashyikirijwe Inteko Ishinga Amategeko muri rusange na Sena by’umwihariko,  gutanga ibitekerezo ku mushinga w’itegeko ryerekeye ingengo y’imari ya Leta.

## II.2. Gutanga ibitekerezo ku mushinga w’ingengo y’imari ya Leta

Nk’uko biteganywa n’ingingo ya 162 y’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, “mbere y’uko ingengo y’imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w’Abadepite icyo ivuga ku mushinga w’ingengo y’imari ya Leta”.

Sena kandi, nk’uko biteganywa n’Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, mu ngingo zaryo ya 32 n’iya 41, itanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y’itegeko ry’ingengo y’imari no ku mushinga w’ivugururwa ry’ingengo y’imari.

Mu mwaka wa 2020/2021, Sena yagejeje ibitekerezo byayo ku Mutwe w’Abadepite hashingiwe ku nyandiko zikurikira:

- Umushinga w’itegeko rigena ingengo y’imari ya Leta ivuguruye y’umwaka wa 2020-2021;
- Imbanzirizamushinga y’itegeko rigena ingengo y’imari ya Leta y’igihe giciriritse (Budget Framework Paper) hamwe n’imibare y’ikigereranyo cy’ingengo y’imari ya 2021/2022-2023/2024;
- Umushinga w’itegeko rigena ingengo y’imari ya Leta y’umwaka wa 2021-2022.


Ibitekerezo byateguwe na Komisiyo y’Iterambere ry’Ubukungu n’Imari, ishingiye ku bitekerezo byatanzwe na Komisiyo zihoraho za Sena, byemezwa n’Inteko Rusange. Ibyo bitekerezo byatanzwe nyuma yo gusesengura  politiki, ingamba n’imirongo migari ingengo y’imari ishingiyeho. Harebwe kandi ko isaranganywa ry’ingengo y’imari ya Leta ryita ku mahame remezo Igihugu cyiyemeje kugenderaho no gutuma yubahirizwa.

## II.3. Kwemeza ishyirwaho ry’Abayobozi

Nk’uko biteganywa n’ingingo ya 86 y’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Sena ifite ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry’Abayobozi bateganywa n’Itegeko Nshinga n’andi mategeko.

Muri rusange mu mwaka wa 2020/2021, Sena yemeje ishyirwaho ry’abayobozi mirongo itatu n’icyenda  (39) barimo  Abayobozi b’Ibigo bya Leta makumyabiri (20), ba Ambasaderi barindwi (7), ba Guverineri b’Intara bane (4), Abacamanza batatu (3), Abakomiseri batatu (3), Umuvinyi Mukuru umwe (1) n’Umuvunyi Mukuru Wungirije umwe (1).

**Ishusho ya 6: Abayobozi bemejwe na Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2020/2021*

Raporo zirambuye zijyanye no kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi bo mu nzego za Leta nk'uko zagiye zikorwa na Komisiyo zihoraho za Sena zigaragara mu bubiko bw'inyandiko za Sena.

Urutonde rw'Abayobozi bemejwe na Sena ruri ku mugereka wa 5 w'iyi raporo.

## II.4. Gusuzuma no gutora amategeko


Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 64 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, Sena, nk'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, ijya impaka ku mategeko ikanayatora.

Mu mwaka wa 2020/2021, Sena yasuzumye inatora amategeko atandatu (6) akurikira:

- Itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ubwami bwa Maroc ku kohererezanya abakurikiranyweho ibyaha yakorewe i Rabat, muri Maroc, ku wa 19 Werurwe 2019 (13/07/2020);
- Itegeko ryemera kwemeza ko u Rwanda ruba kimwe mu bihugu bihuriye ku Masezerano y'i Marrakesh yorohereza abantu bafite ubumuga bwo kutabona, abatabona neza cyangwa abatabasha gusoma inyandiko zicapye kubona ibihangano byasohowe yashyiriweho umukono i Marrakesh, muri Maroc, ku wa 27 Kamena 2013;
- Itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yerekeye Uburenganzira bw'Abantu bageze mu Zabukuru muri Afurika, yemejwe n'Inama isanzwe ya makumyabiri na gatandatu, yabereye i Addis-Abeba muri Etiyopiya, kuwa 31 Mutarama 2016;

- Itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yerekeye Uburenganzira bw'Abantu bafite Ubumuga muri Afurika, yemejwe n'Inama isanzwe ya mirongo itatu, yabereye i Addis-Abeba, muri Etiyopiya, kuwa 29 Mutarama 2018;
- Itegeko ngenga rihindura Itegeko Ngenga nº 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora;
- Itegeko Ngenga rigenga ubwenegihugu nyarwanda.

**Ishusho ya 7: Amategeko yatowe na Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2020/2021*

Nk'uko bigaragara muri iki gishushanyo, hatowe amategeko yemera kwemeza burundu amasezerano ane (4) n'amategeko Ngenga abiri (2).

## II.5. Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma

Mu rwego rwo kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma, abagize Sena bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe cyangwa agasubirizwa n'abagize Guverinoma bireba nk'uko biteganywa n'ingingo ya 131 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015. Sena ishobora na none gushyiraho za Komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

### II.5.1. Kugezwaho na Minisitiri w'Intebe gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma.

Mu mwaka wa 2020/2021, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku ngingo zikurikira:

- Ibikorwa bya Guverinoma byerekeranye n'ingamba zo guhangana n'Icyorezo cya COVID-19;
- Ibikorwa bya Guverinoma byo mu rwego rw'uburezi;
- Ibikorwa bya Guverinoma byo kuzahura ubukungu hibandwa ku guteza imbere inganda (Economic recovery with a focus on industrialisation).

**Ifoto ya 4: Minisitiri w'Intebe ageza gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku bagize Inteko Ishinga Amategeko**



***Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena***

## II.5.2. Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma

Komisiyo za Sena zakoze ibikorwa byo kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma zikoresheje uburyo butandukanye harimo kugirana ibiganiro n'inzego zitandukanye, gusura imishinga n'ibikorwa hirya no hino mu Turere buri gihe hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda Icyorezo cya COVID-19 yatangwaga n'inzego z'ubuzima.

Nyuma y'uko Komisiyo zihoraho za Sena zigejeje ku Nteko Rusange raporo ku bikorwa binyuranye bijyanye no kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma hafashwe imyanzuro yashyikirijwe Guverinoma harimo no gutumiza abahagarariye Guverinoma kugira ngo batange ibisobanuro mu magambo ku bibazo binyuranye.

Umugereka wa 6 ugaragaza ibikorwa byo kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma Komisiyo zihoraho zakoze.


### II.5.3. Kubazwa mu magambo

Mu 2020-2021, Inteko Rusange ya Sena yagejejweho ibisobanuro mu magambo n'abahagarariye Guverinoma mu buryo bukurikira::

- Ku wa 30/07/2020, Ministiri w'Ubucuruzi n'Inganda yagejeje ku Nteko Rusange ya Sena ibisobanuro mu magambo ku bibazo biri mu mikorere no mu micungire by'amakoperative mu Rwanda.

- Ku wa 01/04/2021, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo yagejeje ku Nteko Rusange ya Sena ibisobanuro ku bibazo bigaragara mu bikorwa byo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, by'umwihariko ibikorerwa ahagenewe kubakwa no kwagurira imihanda, n'ingamba zatuma ibyo bikorwa bitegurwa neza, bikanakurikiranwa, hitabwa ku nyungu z'abaturage n'iz'Igihugu muri rusange.

**Ifoto ya 5: Minisitiri w'Ibikorwa Remezo ageza ibisobanuro mu magambo ku Nteko Rusange**




*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro, Inteko Rusange yaranyuzwe, maze ikibazo gihagararira aho.

## II.6. Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 183, Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko zishyikiriza raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko.

Izo nzego zigeza kandi raporo yazo mu magambo ku Mitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko iteraniye hamwe. Izo nzego ni izi zikurikira:

1. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
2. Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta;
3. Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside;
4. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
5. Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;
6. Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere;
7. Urwego rw'Umuvunyi;
8. Banki Nkuru y'u Rwanda.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge igeza raporo yayo ku Nteko Rusange ya Sena gusa.

Nyuma yo kugezwa ku Nteko Rusange y'Imitwe yombi n'iya Sena by'umwihariko, raporo zashyikirijwe Komisiyo za Sena zibifite mu nshingano, zirazisesengura, zigeza raporo ku Nteko Rusange ya Sena, izifataho imyanzuro yashyikirijwe inzego bireba.

Umugereka wa 7 ugaragaza igihe Inzego bireba zagejeje raporo z'ibikorwa by'umwaka byazo ku Nteko Ishinga Amategeko.

### II.7. Guhagararira abaturage

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 65 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, umuntu wese mu bagize Inteko Ishinga Amategeko aba ahagarariye Igihugu cyose, ntabwo aba ahagarariye gusa abamutoye cyangwa abamushyizeho, cyangwa se umutwe wa politiki wamutanzeho umukandida mu matora.

Ku bijyanye no gusura no kwegera abaturage, Abasenateri basuye ibikorwa hirya no hino mu gihugu hubahiriza amakwiriza yo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19 yagiye ashyirwaho hashingiwe ku masesengura yakorwaga n'inzego z'ubuzima.

## III. IMIKORANIRE YA SENA N'IZINDI NZEGO NO GUTSURA UMUBANO N'UBUTWERERANE N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO

### III.1. Imikoranire ya Sena n'Umutwe w'Abadepite

Imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo 2003 ryavuguruwe mu 2015. Iteganywa kandi n'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Muri uru rwego hakozwe ibi bikurikira:

- Inama zihuza Inteko Rusange z'Imitwe yombi zarateranye nk'uko amategeko abiteganya;
- Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi yarateranye yemeranywa ku bugororangingo bwerekeye Itegeko Ngenga rigenga Ubwenegihugu;
- Biro z'Imitwe yombi nazo zarateranye zungurana ibitekerezo ku bireba imigendekere y'imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko.

### III.2. Imikoranire n'izindi nzego zo mu Gihugu

Abagize Sena bitabiriye inama n'ibiganiro nyunguranabitekerezo byaba ibyateguwe n'Inteko Ishinga Amategeko (Imitwe yombi), izateguwe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa izindi nzego.

Nk'uko biteganywa n'amategeko Abasenateri bitabiriye imihango itandukanye ijyanye n'irahira ry'Abasenateri, Abagize Guverinoma n'abandi Bayobozi Bakuru amategeko ateganya ko barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.

### III.3. Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko

Nk'uko bitegenywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 204, Sena ishobora gutsura umubano n'Inteko zishinga Amategeko z'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko bigakorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga.

Ni muri urwo rwego mu 2020-2021, Sena yakoze byinshi birimo:

- Imikoranire ya Sena n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'Imiryango u Rwanda rurimo;
- Kwitabira inama mpuzamahanga z'abagize Inteko Zishinga Amategeko (hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga);
- Kwakira abashyitsi batandukanye baturutse imbere mu gihugu cyangwa mu bihugu by'amahanga.

### III.3.1. Inama Mpuzamahanga z'Abagize Inteko Zishinga Amategeko

Abagize Sena bitabiriye inama mpuzamahanga zakozwe hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga (online meeting) kubera Icyorezo cya COVID-19. Izo nama ni izi zikurikira:

- Inama ya IPU: 13th Women Speakers Summit yabaye tariki ya 17-18/8/2020;
- Inama ya IPU: 5th World Conference of Speakers yabaye tariki ya 19-20/8/2020;
- Inama ya IPU: "Parliamentary action to end statelessness by 2024", yabaye tariki ya 25/02/2021;
- The 206th session of the Governing council of the Inter-Parliamentary Union (IPU) yabaye tariki ya 1-4 Ugushyingo 2020 (yatorewemo Umuyobozi mushya wa IPU);
- Inama ya 142 ya IPU: "Overcoming the pandemic today and building a better tomorrow: The role of Parliaments", yabaye tariki ya 24 kugera 28 Gicurasi 2021.

Muri izo nama abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda baboneraho umwanya wo kugaragaza isura nyayo y'u Rwanda, guhanahana ubunararibonye no gukora ubuvugizi.

Ikindi ni uko Inteko Rusange ya 143 ya IPU u Rwanda rwari rwemerewe kwakira mu Kwakira mu mwaka 2020 yasubitswe kubera Icyorezo cya COVID-19. Icyakora, u Rwanda rwemerewe kuzakira iyo Nteko Rusange kuva kuwa 06–10 Ugushyingo 2021. Imyiteguro yo kwakira iyo nama yaratangiye.

### III.4. Ubutumwa mu mahanga

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 204, Sena itsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko. Ibi bikorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga.


Ni muri uru rwego, Abagize Sena bakoze ingendo z'akazi zikurikira:

- Ku wa 02/04/2021 Nyakubahwa Perezida wa Sena yitabiriye umuhango wirahira rya Perezida wa Republika ya Niger;
- Kuva ku wa 24-27 Gicurasi 2021, Intumwa zihagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (PAP) zagiye mu butumwa i Midrand/Johannesbug mu gihugu cy'Afurika y'Epfo.

### III.5. Abashyitsi basuye Sena

Mu mwaka wa 2020/2021 Sena yasuwe n'abashyitsi batandukanye barimo: Abagize Inteko Zishinga Amategeko zo mu bihugu bitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, n'abo mu Mahuriro y'Abagore yo mu Nteko Zishinga Amategeko, abakozi b'Inteko Zishinga Amategeko n'abaturuka mu zindi nzego.

**Ishusho ya 8: Abashyitsi basuye Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Serivisi za Protocole muri Sena*

Nk'uko bigaragara mu gishushanyo kiri hejuru, mu mwaka wa 2020/2021, Sena yakiriye abashyitsi cumi n'umwe (11), barimo intumwa zaturutse mu Nteko zishinga Amategeko (7), n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda (4).

Umugereka wa 8 ugaragaza urutonde rw'abashyitsi basuye Sena

**Ifoto ya 6: Biro ya Sena yakira Ambasaderi wa Sweden mu Rwanda**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

## IV. IBYAGEZWEHO N'AMAHURIRO ASHAMIKIYE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 114, Sena ishobora gushyiraho Amahuriro y'Abasenateri ku mpamvu zihariye. Buri Musenateri ashobora kuba mu ihuriro rimwe cyangwa menshi mu mahuriro yashyizweho na Sena. Icyakora, nta mahuriro y'Abasenateri arashyirwaho.

Ingingo ya 192 y'iryo Tegeko Ngenga iteganya kandi ko hashobora kujyaho amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite. Amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko ni aya akurikira:

- Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira Imibereho myiza y'abaturage n'Iterambere (RPRPD);
- Ihuriro rikumira jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF);
- Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira kurwanya Ruswa (APNAC);
- Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP).

### IV.1. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira imibereho myiza y'abaturage n'iterambere (RPRPD)

Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira Imibereho myiza y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD) ryita cyane cyane ku bibazo by'ubwiyongere bw'abaturage, ubuzima bw'imyororokere, kuringaniza imbyaro no kurwanya Icyorezo cya Sida.

Iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- Gutanga ibiganiro kuri Radio Rwanda, Radio z'Abaturage na Television mu bihe bitandukanye ku nsanganyamatsiko zikurikira:
  - Dukumire icyorezo cya COVID 19: ni buryo ki twabungabunga ubuzima n'uburenganzira bw'abagore n'abakobwa muri ibi bihe turimo? (Putting the Breaks on COVID-19: How to Safeguard the Health and Rights of Women and Girls Now?);
  - Gahunda z'ubuzima bw'imyororokere mu rubyiruko mu mashuri, mu bigo by'urubyiruko no mu mavuriro.
- Kwitabira inama n'ibiganiro mu bihe bitandukanye:
  - Ikiganiro cyateguwe na European Parliamentary Forum-EPF ifatanije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Baturage-UNFPA;
  - Inama yahuje abagize Inteko Zishinga Amategeko n'impuguke ku nsanganyamatsiko igira iti: "Parliamentary and Experts Dialogue on the Global Contraception Policy Atlas for Africa". Bareberaga hamwe ibikenewe

gushyirwamo imbaraga mu rwego rwo kwihutisha gahunda zo kuboneza urubyaro muri Afurika;
- Inama yateguwe na MINISANTE igamije kurebera hamwe ibyo u Rwanda rwiyemeje kuzakora ku byemejwe n'amasezerano y'Inama Mpuzamahanga ku Baturage n'Iterambere "ICPD";
- Ikiganiro cyateguwe na UNFPA mu kumurika raporo ku batuye Isi (Launch of the UNFPA State of World Population Report-SWOP 2021);
- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo Kuboneza Urubyaro"World Contraception Day". "Kuboneza urubyaro,uburenganzira bwa muntu n'amahitamo ye"(Contraception is a human right, it is your choice) niyo yari insanganyamatsiko y'uwo munsi.

- ♦ Gukora Inama rusange zidasanzwe, inama za Komite Mpuzabikorwa ndetse na Komite Nyobozi mu bihe bitandukanye;
- ♦ Kuzuza Inzego z'Ihuriro binyuze mu matora y'abanyamuryango;
- ♦ Gukora umwiherero w'abagize Komite Mpuzabikorwa na Komite Ngenzuzi za RPRPD.

## IV.2. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF)

Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside ryashinzwe ku wa 08 Gicurasi 2015 rifite intego yo gukumira Jenoside muri rusange no kurwanya ipfobya n'ihanakana bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu mwaka wa 2020/2021, Ihuriro AGPF ryakoze ibikorwa bikurikira:

- ♦ Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye b'Ihuriro, hatanzwe ibiganiro kuri Radiyo Rwanda Inteko bigamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside Ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi;
- ♦ Hakozwe Inama Rusange y'abanyamuryango b'Ihuriro, inama za Biro, Komite Nyobozi, Amakomisiyo, Komite Ngenzuzi, zarabaye nk'uko amategeko ibiteganya
- ♦ Hateguwe iteganyabikorwa ryihariye (Plan B) ry'ibikorwa by'umwaka wa 2020/2021, mu rwego rwo gukomeza imirimo y'ihuriro mu gihe icyorezo cya Covid 19 kikiriho;
- ♦ Hateguwe gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 27 Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Inteko Ishinga Amategeko;
- ♦ Hasuwe Uturere twa Ngoma, Ruhango, Muhanga mu rwego rwo kwifatanya n'abaturage b'utwo Turere kwamagana ingengabitekerezo ya Jenoside yagaragaye mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 27 Jenoside yakorewe Abatutsi.

## IV.3. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa (APNAC-Rwanda)

APNAC-RWANDA ni Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

Mu mwaka wa 2020/2021, APNAC-Rwanda, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa, yakoze ibikorwa byo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo n'ibindi bikorwa bikurikira:

- Ku bufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi hateguwe hanitabirwa icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa cyabaye kuva 22-28/12/2020 hatangwa n'ibiganiro kuri iyo nsanganyamatsiko;
- Hitabiriwe igikorwa cya TI-RW "Conservative workshop on the protection of wistleblowers";
- Ku bufatanye na TI-Rwanda, Ihuriro APNAC Rwanda ryasuye abaturage bo mu Karere ka Gicumbi mu rwego rwo kureba uko umushinga wo kubaka ubukungu bwubahiriza ibidukikije mu turere uhagaze;
- Hitabiriwe inama mu bihe bitandukanye:
    - Inama ya IPU: "Fighting corruption to restore trust in government and improve development prospects";
    - Inama ya Transparency International Rwanda: "the National Dialogue on COVID-19 effects on the Most Vulnerable Groups in Rwanda: Stocktaking from TI-Rwanda Project entitled "Social Accountability Tools to Explore Covid-19 Response Effects on Beneficiaries of Social-protection Programs in Rwanda";
- Hakozwe inama nyunguranabitekerezo kuri ruswa mu mitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze n'uburyo bwo kuyirwanya (iyi nama yakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga (Webex);
- Hatanzwe ikiganiro kuri Radio Rwanda na radio z'abaturage ziyishamikiyeho ku nsanganyamatsiko zitandukanye;
- Hakozwe inama rusange idasanzwe igamije gutora ubuyobozi bushya bwa Komite Mpuzabikorwa y'Ihuriro nyuma y'uko komite yaririho yari isoje manda;
- Hakozwe n'izindi nama ziteganywa n'amategeko (Komite Nyobozi na Komite mpuzabikrwa) z'ihuriro APNAC Rwanda.

### IV.4. Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP)

Ihuriro FFRP ni rimwe mu mahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko, rifite icyerekezo cy'Umuryango Nyarwanda wunze ubumwe.

Mu mwaka wa 2020-2021, iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- Hakozwe inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo guteza imbere imirire myiza no guhangana n'ingaruka z'imirire mibi n'igwingira ry'abana ku iterambere ry'Igihugu;
- Hakozwe inama z'inzego z'Ihuriro mu bihe bitandukanye.
- Hatanzwe ibiganiro mu itangazamakuru ku nsanganyamatsiko zitandukanye:
    - kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana;

- Gukumira no guhana ihohoterwa rishingiye ku gitsina hakomeza kurwanywa COVID-19”;
- Guteza imbere imikurire myiza y’umwana” cyari mu rwego rwo kugira uruhare mu kwizihiza Umunsi w’umwana w’Umunyafurika.


- ♦ Hakozwe amahugurwa ku gusesengura ry’ingengo y’imari hitawe ku mirire myiza, yateguwe n’Ihuriro FFRP ku bufatanya n’Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku bana (UNICEF);
- ♦ Hasuwe Intwaza mu ngo z’impinganzima mu Karere ka Rusizi;
- ♦ Abagize Ihuriro bagize uruhare muri gahunda y’ubuvugizi yo guha abana b’abakobwa bavuka mu miryango ikennye ibikoresho by’isuku bakenera bagiye mu mihango. Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Umuhigo wa “ I matter Initiative”, Ihuriro FFRP ryakusanyije imisanzu y’abarigize bari biyemeje kugira uruhare muri iyi gahunda, ariko kubishyira mu bikorwa bigenda buhoro kubera ingaruka za COVID-19;
- ♦ Ihuriro FFRP ryunganiye Inteko Ishinga Amategeko mu gutegura ikiganiro cyafashije abahagarariye Inteko Ishinga Amategeko mu nama Mpuzamahanga yo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga ku buringanire mu rwego rw’imishahara (International Equal Pay Day) yabaye ku itariki ya 18 Nzeri 2020 hifashshijwe uburyo bw’ikoranabuhanga;
- ♦ Muri Nzeri 2020, bisabwe n’Ihuriro ry’Inteko zishinga Amategeko ku Isi (Union Interparlementaire/IPU), Ihuriro FFRP ryagize uruhare mu gusubiza ibibazo by’ubushakashatsi ku ivangura n’ihohoterwa rikorerwa abagore bari mu Nteko zishinga Amategeko muri Afurika “Enquete sur le sexisme, le harcèlement et la violence à l’égard des femmes dans les parlements en Afrique”;
- ♦ Ihuriro FFRP ryakiriye intumwa 13 zaturutse muri “Zambia National Women’s Lobby”, zari mu rugendo-shuri mu Rwanda kuva ku itariki ya 14 kugeza kuya 19 Ukuboza 2020. Hakiriwe kandi n’abashyitsi baturutse muri Zimbabwe;
- ♦ Hitabiriwe inama zitandukanye:
    - Inama yateguwe na MIGEPROF (Breakfast Meeting);
    - Inama “Gender Cafe” yateguwe na UN W”;
    - Inama ku kugera ku butabera ku bagore n’abakobwa bafite ubumuga yateguwe na Legal Aid Forum (LAF);
    - Inama ya “AEGIS TRUST” yo kumurika ubushakashatsi bwakozwe ku nsanganyamatsiko igira iti: “L’image de la femme Tutsi dans l’imaginaire des Genocidaires: de la période allant de 1960 à 2017.

## V. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA SENA

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 111, Sena igira ingengo y'imari yayo, kandi ikagira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi byayo. Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ya Sena ashyirwa kuri konti ya Sena muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Mu mwaka wa 2020/2021, Sena yahawe ingengo y'imari ingana na 3,362,057,523Frw. Amafaranga yose yakoreshejwe kuva muri Nyakanga 2020 kugeza Kamena 2021 angana na Miliyari 3,109,001,438Frw bingana na 92% by'ingengo y'imari yose. Iyi ngengo y'imari yakoreshejwe mu mishahara n'ibindi bigenerwa Abasenateri n'abakozi ba Sena, mu ngendo z'akazi z'Abasenateri n'abakozi babunganira, mu kugura ibikoresho n'ibindi byangombwa bikenerwa mu gufasha Sena kuzuza inshingano zayo.

**Ishusho ya 9: Ikigero cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2020/2021*

Umugereka wa 9 ugaragaza mu buryo burambuye uko ingengo y'imari ya Sena yakoreshejwe mu mwaka wa 2020/2021.

## VI. UMUSOZO

Muri uyu mwaka wa 2020/2021, Sena yakoze ibikorwa binyuranye bijyanye n'inshingano zayo, zaba izihariye ndetse n'izisanzwe.

Sena yakomeje kumenyekanisha amahame remezo no kugenzura uko ashyirwa mu bikorwa, hemezwa ishyirwaho ry'abayobozi yashyikirijwe na Guverinoma, itanga n'ibitekerezo ku ngengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2020/2021.

Sena kandi yatoye amategeko atandatu (6). Hakozwe ibikorwa byo kumenya no kugenzura imikorere n'ibikorwa bya Guverinoma. Imyanzuro yagiye ifatwa n'Inteko Rusange yohererejwe Guverinoma kugira ngo ishyirwe mu bikorwa.

Ku bijyanye no gusura no kwegera abaturage, hakozwe ibikorwa bike bituma Abasenateri bakora ingendo hirya no hino mu gihugu mu rwego rwo kubahiriza amakwiriza yo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19 yagiye ashyirwaho hashingiwe ku masesengura yakorwaga n'inzego z'ubuzima.

Sena yakiriye abashyitsi batandukanye haganirwa ku mubano w'u Rwanda n'ibihugu abo bashyitsi baturutsemo. Ibi bikaba byarabaye umwanya mwiza wo kugaragaza isura nyakuri y'u Rwanda mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu.

Ibikorwa byakozwe mu mwaka wa 2020/2021 byagezweho ku bufatanye bw'Inzego za Sena by'umwihariko n'izindi nzego n'abafatanyabikorwa bayo muri rusange.

## IMIGEREKA

**Umugereka wa 1: Abasenateri bagize manda ya 3 ya Sena**

| Nº | Amazina | Uko batowe cyangwa bashyizweho |
|---|---|---|
| 1. | Hon. BIDERI John Bonds | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 2. | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 3. | Hon. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 4. | Hon. HABINEZA Faustin | Yatorewe mu Ntara y'Amajyaruguru |
| 5. | Hon. HABIYAKARE François | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 6. | Hon. HAVUGIMANA Emmanuel | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 7. | Hon. IYAMUREMYE Augustin | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 8. | Hon. KANZIZA Epiphanie | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 9. | Hon. KANYARUKIGA Ephrem | Yatowe n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'amashuri makuru byigenga |
| 10. | Hon. MUGISHA Alexis | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 11. | Hon. MUKABARAMBA Alvera | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 12. | Hon. MUKAKARANGWA Clotilde | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 13. | Hon. MUPENZI George | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 14. | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 15. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 16. | Hon. NIYOMUGABO Cyprien | Yatowe n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta |
| 17. | Hon. NKURUNZIZA Innocent | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 18. | Hon. NKUSI Juvénal | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 19. | Hon. NSENGIYUMVA Fulgence | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 20. | Hon. NTIDENDEREZA William | Yatorewe mu Mujyi wa Kigali |
| 21. | Hon TWAHIRWA André | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 22. | Hon. NYINAWAMWIZA Laëtitia | Yatorewe mu Ntara y'Amajyaruguru |
| 23. | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 24. | Hon. UMUHIRE Adrie | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 25. | Hon. UWERA Pélagie | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 26. | Hon. UWIZEYIMANA Evode | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |

**Umugereka wa 2: Abagize Inama y'Abaperezida**

| No | Amazina | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|
| 1. | Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin | Perezida wa Sena |
| 2. | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Visi Perezida wa Sena |
| 3. | Hon. MUKABARAMBA Alvera | Visi Perezida wa Sena |
| 4. | Hon. NKUSI Juvénal | Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 5. | Hon. NYINAWAMWIZA Laetitia | Visi Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 6. | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 7. | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Visi Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |

| | | |
|---|---|---|
| 8. | Hon. BIDERI John Bonds | Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 9. | Hon. MUKAKARANGWA Clotilde | Visi Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 10. | Hon. UMUHIRE Adrie | Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 11. | Hon. Dr. HABINEZA Faustin | Visi Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 12. | Hon. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Perezida wa Komite |
| 13. | Hon. UWERA Pélagie | Visi Perezida wa Komite |

**Umugereka wa 3: Abagize Komisiyo za Sena**

| Komisiyo | Abasenateri bagize Komisiyo |
|---|---|
| Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 1. Hon. BIDERI John Bonds ,Perezida |
| | 2. Hon. MUKAKARANGWA Clotilde,Visi Perezida |
| | 3. Hon. KANYARUKIGA Ephrem |
| | 4. Hon. HAVUGIMANA Emmanuel |
| | 5. Hon.TWAHIRWA André |
| Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 1. Hon. DUSHIMIMANA Lambert, Perezida |
| | 2. Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja, Visi Perezida |
| | 3. Hon. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre |
| | 4. Hon. NSENGIYUMVA Fulgence |
| | 5. Hon. NTIDENDEREZA William |
| | 6. Hon. UWERA Pélagie |
| Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa muntu | 1. Hon. UMUHIRE Adrie, Perezida |
| | 2. Hon. HABINEZA Faustin, Visi Perezida |
| | 3. Hon. HABIYAKARE François |
| | 4. Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose |
| | 5. Hon. NIYOMUGABO Cyprien |
| | 6. Hon. HAVUGIMANA Emmanuel |
| Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 1. Hon. NKUSI Juvénal, Perezida |
| | 2. Hon. NYINAWAMWIZA Laetitia, Visi Perezida |
| | 3. Hon. MUGISHA Alexis |
| | 4. Hon. MUPENZI George |
| | 5. Hon. NKURUNZIZA Innocent |
| | 6. Hon. UWIZEYIMANA Evode |

**Umugereka wa 4: Abasenateri bagize Komite**

| No | Amazina | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|
| 1. | Hon. DUSINGIZEMUNGU J.Pierre | Perezida |
| 2. | Hon. UWERA Pélagie | Visi-Perezida |
| 3. | Hon. HAVUGIMANA Emmanuel | Ugize Komite |
| 4. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Ugize Komite |
| 5. | Hon. MUPENZI George | Ugize Komite |

**Umugereka wa 5: Abayobozi bemejwe na Sena mu mwaka wa 2020/2021**

| Nº | Amazina | Urwego | Itariki Inteko Rusange yamwemerejeho |
|---|---|---|---|
| 1. | Madamu KAYITESI Alice | Guverineri w'Intara y'Amajyepfo | 13/07/2020 |
| 2. | Madamu MPINGANZIMA MUGABO Teddy | Umuyobozi Mukuru w'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA) | 23/07/2020 |
| 3. | Bwana MUGABO Jean Pierre | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) | 23/07/2020 |
| 4. | Dr. MULINDAHABI Charline | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amahugurwa mu by'Imicungire y'Abakozi n'Umutungo (RMI) | 23/07/2020 |
| 5. | Madamu MUTIMUKEYE Nicole | Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora | 23/07/2020 |
| 6. | Madamu UWERA KABANDA Françoise | Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora | 23/07/2020 |
| 7. | Bwana SEMANYWA Faustin | Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora | 23/07/2020 |
| 8. | Bwana BIZIMANA Claude | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) | 28/08/2020 |
| 9. | Madamu UWACU Julienne | Umuyobozi Mukuru w'Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi (FARG) | 28/08/2020 |
| 10. | Madamu NYIRAMATAMA Zaina | Ambasaderi w'u Rwanda mu Bwami bwa Maroc | 28/08/2020 |
| 11. | Amb. NDUHUNGIREHE Olivier | Ambasaderi w'u Rwanda mu Bwami bw'Ubuholandi | 28/08/2020 |
| 12. | Bwana MUTSINDASHYAKA Théoneste | Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Congo. | 28/08/2020 |
| 13. | Bwana MIRONKO NTAMPAKA Fidelis | Ambasaderi w'u Rwanda mu gihugu cya Turukiya | 07/10/2020 |
| 14. | Amb. MASOZERA Robert | Umuyobozi Mukuru w'Inteko y'Umuco | 19/11/2020 |
| 15. | Dr. ASIIMWE Anita | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana | 19/11/2020 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 16. | Madamu NIRERE Madeleine | Umuvunyi Mukuru | 19/11/2020 |
| 17. | Madamu MUKANDASIRA Caritas | Umugenzuzi Mukuru wa Gender Wungirije | 19/11/2020 |
| 18. | Dr. SEKOMO BIRAME Christian | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubushakashatsi n'Iterambere mu byerekeye Inganda (NIRDA) | 19/11/2020 |
| 19. | Dr. NSABIMANA Ernest | Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'Inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) | 23/12/2020 |
| 20. | Bwana DUSENGE BYIGERO Alfred | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura (WASAC); | 23/12/2020 |
| 21. | Bwana NSHIMYUMUREMYI Félix | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Imiturire | 23/12/2020 |
| 22. | Madamu GASHUMBA Jeanne Pauline | Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari (Financial Intelligence Center/FIC) | 23/12/2020 |
| 23. | Bwana Vincent MUNYESHYAKA | w'Ikigega gitanga inguzanyo ku mishinga mito n'iciriritse (BDF) | 23/12/2020 |
| 24. | Dr. Rose MUKANKOMEJE | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Amashuri Makuru | 23/12/2020 |
| 25. | Paul UMUKUNZI, | w'Umuyobozi Mukuru (Director General) w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imyuga n'Ubumenyingiro (Rwanda TVET Board/RTB). | 23/12/2020 |
| 26. | Dr. LYAMBABAJE Alexandre | Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza y'u Rwanda | 10/02/2021 |
| 27. | Dr. BAHATI Bernard | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (National Examination and School Inspection Authority). | 02/03/2021 |
| 28. | Dr. Nelson MBARUSHIMANA | Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (Rwanda Basic Education Board). | 02/03/2021 |
| 29. | Madamu YANKURIJE Odette | Umuvunyi Mukuru Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane | 17/03/2021 |
| 30. | Bwana HABITEGEKO François | Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba | 17/03/2021 |
| 31. | Madamu NYIRARUGERO Dancille | Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru | 17/03/2021 |
| 32. | Bwana GASANA Emmanuel | Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba | 17/03/2021 |
| 33. | Bwana Fred MUFULUKYE | Umuyobozi Mukuru (Director General) w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco (National Rehabilitation Service) | 21/04/2021 |
| 34. | Dr. Aimé MUYOBOKE KARIMUNDA | Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga | 28/04/2021 |
| 35. | Bwana François Régis RUKUNDAKUVUGA | Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire | 28/04/2021 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 36. | Madamu Clotilde MUKAMURERA, | Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 28/04/2021 |
| 37. | Dr. Diane GASHUMBA | Ambasaderi w'u Rwanda mu Bwami bwa Suwede | 21/06/2021 |
| 38. | Prof. Anastase SHYAKA | Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Polonye | 21/06/2021 |
| 39. | Bwana James GATERA | Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta ya Isiraheri | 21/06/2021 |

**Umugereka wa 6: Ibikorwa byakozwe muri gahunda yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma**

| No | Igikorwa | Komisiyo yagikoze | Igihe raporo yagerejwe ku Nteko Rusange |
|---|---|---|---|
| 1. | Kumenya no kugenzura imicungire y'ibimenyetso n'inzibutso bya Jenoside yakorewe Abatutsi | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 05/10 2020 |
| 2. | Gusuzuma raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku igenzura ryakozwe ku mwaka warangiye ku wa 30 Kanama 2019 | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 08/10/2020 |
| 3. | Inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo guca akarengane kagaragara mu manza zimwe na zimwe n'inzitizi zikigaragara mu irangizwa ry'imanza | Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 08/10/2020 |
| 4. | Gusesengura ikibazo cy'ubucucike muri gereza zo mu Rwanda | Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu | 13/10/2020 |
| 5. | Kungurana ibitekerezo n'abahagarariye Guverinoma ku kibazo cya bamwe mu baturage bihanira | Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 29/10/2020 |
| 6. | Gusesengura ikibazo cyo gusambanya abana | Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu | 17/11/2020 |
| 7. | Gusesengura ingaruka ziterwa no kuba bamwe mu bayobozi mu nzego z'ibanze batemeza mu gihe giteganywa n'amategeko ibyemezo by'Inama Njyanama | Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 25/11/2020 |
| 8. | Kugezwaho raporo z'ubutumwa bw'Abasenateri imbere mu Gihugu mu rwego rwo gukurikirana aho imyiteguro y'itangira ry'amashuri igeze | Abasenateri bagiye mu butumwa | 05/11/2020 |
| 9. | Kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Guverinoma mu birebana no guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda) | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | |
| 10. | Raporo ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu | 12/02/2021 |
| 11. | Raporo ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta | | 18/02/2021 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | | |
| 12. | Raporo ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | | 24/02/2021 |
| 13. | Raporo ku gikorwa cya Komisiyo cyo kumenya ibikorwa byimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda n'uko bishyigikirwa | | 30/03/2021 |
| 14. | Raporo ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 17/02/2021 |
| 15. | Raporo ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | | 23/02/2021 |
| 16. | Raporo ku isuzumwa rya raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Kurwanya Jenoside by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 25/02/2021 |
| 17. | Raporo ku gikorwa cyo kumenya uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano | | 04/03/2021 |
| 18. | Raporo ku isesengura rya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku bugenzuzi bwihariye ku miterere y'igikorwa cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange byakozwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere rya Transiporo (RTDA) kuva ku itariki ya 01/07/2015 kugeza ku ya 30/11/2020 | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 10/03/2021 |
| 19. | Raporo ku isesengura rya raporo y'ibikorwa bya Banki Nkuru y'Igihugu by'umwaka wa 2019/2020. | | 24/03/2021 |
| 20. | Raporo y'ubushakashatsi ku Gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda hamwe n'iy'isuzuma rya Ndi Umunyarwanda byakorewe rimwe mu mwaka wa 2020 | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) | 21/04/2021 |
| 21. | Raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta y'umwaka w'ingengo y'imari warangiye kuwa 30 Kamena 2020 | Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta (OAG) | 11/05/2021 |
| 22. | Imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta y'igihe giciriritse (Budget Framework Paper) hamwe n'imibare y'ikigereranyo cy'ingengo y'imari ya 2021/2022-2023/2024. | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 12/05/2021 |
| 23. | Raporo ku gikorwa cyo kumenya uruhare rw'ibigo bya Leta mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta hagamijwe kuzamura imibereho y'abaturage . | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 01/06/2021 |

**Umugereka wa 7: Raporo z'Inzego zashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko**

| N° | Komisiyo/ Urwego | Igikorwa | Itariki raporo ya Komisiyo yagerejwe ku Nteko Rusange ya Sena |
|---|---|---|---|
| 1. | Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021. | 14/10/2020 |
| 2. | Urwego rw'Umuvunyi | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021. | 27/10/2020 |
| 3. | Komisiyo y'Igihugu y'Abakozi ba Leta | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 | 26/10/2020 |
| 4. | Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021. | 20/10/2020 |
| 5. | Banki Nkuru y'u Rwanda | Raporo y'ibikorwa bya Banki Nkuru y'u Rwanda by'umwaka wa 2019/2020. | 19/11/2020 |
| 6. | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 (raporo yagejejwe ku Nteko Rusange ya Sena). | 04/11/2020 |
| 7. | Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021. | 15/10/2020 |
| 8. | Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta | Raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye ku itariki ya 30 Kamena 2019. | 08/10/2020 |

**Umugereka wa 8: Abashyitsi basuye Sena mu mwaka wa 2020/2021**

| Itariki | Umushyitsi | Aho aturutse | Uwamwakiriye | Impamvu |
|---|---|---|---|---|
| 23/07/2020 | Amb. LULIT ZEWDIE | Ambasade ya Ethiopia mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 02/12/2020 | Ambasaderi w'u Rwamda muri Congo Brazaville | Ambasade y'u Rwanda muri Congo-Brazaville | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 20/04/2021 | Dr. Thomas Kurz | Ambasade y'Ubudage mu Rwanda | Visi-Perezida wa Sena Ushinzwe gukurikirana ibyerekeraye n'Amategeko, Kumenya no Kugenzura Ibikorwa bya Guverinoma | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 15/06/2021 | H.E Johanna Christina Teague | Ambasade ya Sweden mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 27/04/2021 | Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ushinzwe ibirebana na Politike y'Umuco mpuzamahanga mu gihugu cy'Ubudage, Madamu MICHELLE MÜNTEFERING n'Abadepite 6 b'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubudage/Bundestag | Ubudage | Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi | Kuganira (hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga) |

**Umugereka wa 9: Ingengo y'imari y'umwaka wa 2020/2021 yakoreshejwe**

| Ibikorwa | Ingengo y'imari | Amafaranga yakoreshejwe | Asigaye | Ikigereranyo % |
|---|---|---|---|---|
| Kwishyura imishahara y'Abasenateri | 729,687,161 | 715,396,245 | 14,290,916 | 98,04 |
| Kwishyura imishahara y'abakozi | 539,642,921 | 536,011,493 | 3,631,428 | 99,33 |
| Kwishyura ubwiteganyirize bw'abakozi | 262,526,064 | 258,258,685 | 4,267,379 | 98,37 |
| Kwishyura ibikoresho byo mu biro | 71,550,100 | 51,049,782 | 20,500,318 | 71,35 |
| Kwishyura amazi n'umuriro | 83,523,712 | 81,424,925 | 2,098,787 | 97,49 |
| Kwishyura ubukode bw'inzu | 60,000,000 | 56,340,000 | 3,660,000 | 93,90 |
| Kwishyura ibijyanye n'itumanaho | 145,343,403 | 144,374,659 | 968,744 | 99,33 |
| Kwishyura ubwishingizi bw'inzu n'ibikoresho | 12,883,419 | 8,355,870 | 4,527,549 | 64,86 |
| Kwishyura ''charges'' za banki | 70,000 | 36,000 | 34,000 | 51,43 |
| Kwakira abashyitsi | 60,441,927 | 52,351,791 | 8,090,136 | 86,62 |
| Kwishyura abanyamasezerano | 56,724,380 | 54,145,593 | 2,578,787 | 95,45 |
| Kwishyura ingendo mu gihugu no mu mahanga | 945,780,919 | 912,165,483 | 33,615,436 | 96,45 |
| Gusana | 116,147,316 | 61,214,328 | 54,932,988 | 52,70 |
| Ibikoresho bisimbura mu gusana | 13,649,700 | 11,520,970 | 2,128,730 | 84,40 |
| Kwishyura abashinzwe kurinda umutekano wa ba VPs mu rugo | 13,504,800 | 12,945,780 | 559,020 | 95,86 |
| Kugura ibikoresho by'ikoranabuhanga | 190,214,700 | 106,816,450 | 83,398;250 | 56,16 |
| Kugura ibikoresho biramba byo mu biro | 46,067,001 | 42,007,981 | 4,059,020 | 91,19 |
| Kwishyura imperekeza | 100,000 | 0 | 100,000 | 0% |
| Kwishyura izindi serivisi | 14,200,000 | 4,585,403 | 9,614,597 | 32,29 |
| **Igiteranyo** | **3,362,057,523** | **3,109,001.438** | **253,056,085** | **92,47 %** |